REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail:bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru kumiterere y'ibiheN°23/2018: **Talikiya11–20 Kanama 2018**

Ryoherejwe kuwa 23 Kanama 2018

Ingingoz'ingenzi:

- Ibihe byabonetse hagati ya 11-20_Kanama_2018 byaranzwe n'ubushyuhe bwiganje. Nta mvura yabonetse mu gihugu hose.
- Amashusho y'icyogajuru akomeje kwerekana ubutaka byumagaye **e**kubera nta mvura yabonetse hose mu gihugu.
- Hagati y'italiki ya 23 na 31 Kanama hateganyijwe ibihe bizarangwa n'imvura izumvikanamo inkuba mu gihugu hose ikaziyongera mu ntara yi Burengerazuba na Amajyaruguru.

I. Iriburiro

Hagati y'italiki ya 11 na 20 Kanama 2018 haranzwe n'ibihe byiganjemo izuba n'ubushyuhe. Nta mvura yagaragaye ku bupimiro bwose bwo mu gihugu akaba ari imvura iri munsi y'isanzwe mu bice byinshi by'igihugu.

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo cy'mvurayaguye hagati y'italiki 1-10_Kanama_2018 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri icyo gihe kuri buri bupimiro

Igiteranyocy'imvurakuriburibupimiro(muri mm)

Ubupimiro	11-20_Kanama_2018	11-20_Kanama
Kigali	NT	9.6
Rusizi (Kamembe)	NT	10.1
Rubavu (Gisenyi)	NT	26.6
Nyamagabe (Gikongoro)	NT	7.5
Ngoma (Kibungo)	NT	3.5
Gicumbi (Byumba)	0	24.1
Busogo	NT	10.2
Bugarama	NT	4.5
Musanze (Ruhengeri)	NT	16.3
Gitega	NT	0
Rubengera	NT	0.6
Byimana	NT	10.3
Kawangire	NT	0.0
Nyagatare	0.1	0.0

Imbonerahamwe ya1

Imbonerahamwe ya 1



b) Ubusesenguzi kumvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya**1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye hagati y'italiki ya 11-20_Kanama_2018 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi naho ikarita ya **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguyemu 01-10_Kanama_2018 ndetsen'isanzwe igwa muri ayo mataliki. Imvura iri mu kigereranyo cy'imvura isanzwe igwa yagaragaye mu ntara yi Burasirazuba mu bice byegereye umupaka wa Tanzania naho ahasigaye haranzwe n'imvura iri munsi yisanzwe igwa. Ugereranyije n'iminsi icumi yabanje, nta mpinduka zagaragaye mu ntara yi Burasirazuba mugihe ahasigaye hose imvura yagabanutse cyane.

Ikaritaya1: Imvurayaguye(mm):11-20_Kanama_2018



Ikarita ya2:Imvuraisanzweigwa(mm):11-20_Kanama



Ikaritaya3: Imvurayaguye(mm):01-10_Kanama_2018



Ikarita ya4: Imvuraisanzweigwa(mm): 01-10_Kanama



II. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Kanama hagati ya 1-10 2018



Ikarita6: Kanama hagati ya 11-20 2018

Kuva taliki ya 1_Kanama_2018 kugeza 20_Kanama_2018; amashusho y'icyogajuru yerekana ko ubuhehere bw'ubutaka ari buke cyane mu gihugu hose (reba**Ikarita 5&6**) ibi bigahuza n'ibihe byiganjemo izuba n'ubushyuhe muri icyo gihe. Kubera ko hateganyijwe imvura mu minsi iri imbere (reba mu gika gikurikiyeho) hateganyijwe ko n'ubuhehere bw'ubutaka mu mirima buziyongera ugereranyije n'iminsi ishize. Abahinzi bakaba basabwa kurangiza gutegura imirima yabo bitegura igihembwe cy'ihinga 2018-2019 A, iteganyagihe n'igihe cyo gutera mugazabimenyeshwa mu kinyamakuru gikurikiyeho kizasohoka mu ntangiriro z'ukezi kwa cyenda 2018. Kubera ko imvura iteganyijwe ishobora kuba nyinshi mu bice bimwe na bimwe by'igihugu, abahinzi barasabwa gusibura imirwanyasuri banafata amazi yabangiriza imirima n'ibindi bikorwa remezo.

b) Iteganyagihe ry'igice cya gatatu kuva hagati ya 23-31 Kanama_2018

Mu gicecya gatatu Kanama_2018 hateganyijwe ibihe by'ubukonje mu gihugu hose ndetse bizatanga imvura mu gihugu hose. Ubushyuhe bwo hejuru buzagabanuka gato. Mu buryo burambuye:

(1) **Mu ntara yi Burasirazuba**: Hateganyijwe imvura nke ishyira imvura iringaniye mu ntara yose hagati y'italiki ya 23 na 25 Kanama ndetse no ku mataliki ya 27 kugeza kuri 29. Naho mu minsi isigaye hateganyijwe urunyurane rw'izuba n'ibicu.

(2) **Intara ya Amajyepfo**: Naho hateganyijwe imvura nke ishyira imvura iringaniye kuva taliki ya 23 kugera 26 Kanama. Taliki ya 27 izagabanuka yongere kwiyongera taliki ya 28 na 29 Kanama naho iminsi ibiri ya nyuma y'ukwezi nta mvura itaganyijwe.

(3) **Intara yi Burengerazuba**: Hateganyijwe imvura iringaniye hagati ya 23 kugera 26 Kanama izaba ari nyinshi taliki ya 23 ugereranyije nindi minsi. Imvura ikazagabanuka taliki ya 27 na 28 ikongera kugwa taliki ya 29 na 30 Kanama. Naho mu mpera z'ukwezi, taliki ya 31 nta mvura ihateganyijwe.

(4) **Intara ya Amajyaruguru**: Hateganyijwe imvura iringaniye hagati ya 23 kugera 30 Kanama izaba ari nyinshi taliki ya 23 na 29 ugereranyije nindi minsi, ikazagabanuka ikaba nke taliki ya 27 na 28 Kanama. Naho taliki ya 31 nta mvura ihateganyijwe.

(5) **Umujyi wa Kigali**: Hateganyijwe imvura nke ishyira imvura iringaniye kuva taliki ya 23 kugera 26 Kanama. Taliki ya 27 izagabanuka yongere kwiyongera taliki ya 28 na 29 Kanama naho iminsi ibiri ya nyuma y'ukwezi nta mvura itaganyijwe.

N.B: **(!)** Iriteganyagihe rigomba ryunganirwa niteganyagihe rya buri munsi, iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)

(!) Iteganyagihe ryu Umuhindo risasohoka mu kinyamakuru gitaha**.**